

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 225/03 RYO KUWA 23/12/2013 RIGENA URWEGO RUREBERERA IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE IYOHEREZWA MU MAHANGA RY'IBIKOMOKA KU BUHINZI N'UBWOROZI (NAEB) N'ICYICIRO KIRIMO, RIKANAGENA IMITERERE, IMIKORERE N'INSHINGANO BY'INZEGO ZACYO

PRIME MINISTER'S ORDER N° 225/03 OF 23/12/2013 DETERMINING THE SUPERVISING AUTHORITY AND CATEGORY OF NATIONAL AGRICULTURAL EXPORT DEVELOPMENT BOARD (NAEB) AND ORGANISATION, FUNCTIONING AND RESPONSIBILITIES OF ITS ORGANS

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°225/03 DU 23/12/2013 DETERMINANT L'ORGANE DE TUTELLE ET LA CATEGORIE DE L'OFFICE NATIONAL DE DEVELOPPEMENT DES EXPORTATIONS AGRICOLES (NAEB) AINSI QUE L'ORGANISATION, LE FONCTIONNEMENT ET LES ATTRIBUTIONS DE SES ORGANS

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE : GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

UMUTWE WA II: URWEGO RUREBERERA NAEB N'ICYICIRO IRIMO

CHAPTER II: SUPERVISING AUTHORITY OF NAEB AND ITS CATEGORY

CHAPITRE II: ORGANE DE TUTELLE DE NAEB ET SA CATEGORIE

Ingingo ya 2: Urwego rureberera NAEB

Article 2: Authority Supervising NAEB

Article 2 : Organe de tutelle de NAEB

Ingingo ya 3: Icyiciro NAEB irimo

Article 3: Category of NAEB

Article 3 : Catégorie de NAEB

UMUTWE WA III: IMITERERE, IMIKORERE N'INSHINGANO BY'INZEGO ZA NAEB

CHAPTER III: ORGANISATION, FUNCTIONING AND RESPONSIBILITIES OF NAEB'S ORGANS

CHAPITRE III: ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET ATTRIBUTIONS DES ORGANS DE NAEB

Ingingo ya 4: Inzego z'Ubuyobozi za NAEB

Article 4: Management Organs of NAEB

Article 4 : Organes de gestion de NAEB

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Section One: Board of Directors

Section première : Conseil d'Administration

<u>Ingingo ya 5:</u> Imiterere y’Inama y’Ubuyobozi	<u>Article 5:</u> Composition of the Board of Directors	<u>Article 5:</u> Composition du Conseil d’administration
<u>Ingingo ya 6:</u> Igihe abagize Inama y’Ubuyobozi bamara ku mirimo yabo	<u>Article 6:</u> Term of office of members of the Board of Directors	<u>Article 6:</u> Mandat des membres du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 7:</u> Impamvu zituma ugize Inama y’Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n’uko asimburwa	<u>Article 7:</u> Reasons for loss of membership to the Board of Directors and replacement	<u>Article 7:</u> Causes de perte de qualité de membre au Conseil d’Administration et modalités de remplacement
<u>Ingingo ya 8:</u> Ububasha bw’Inama y’Ubuyobozi.	<u>Article 8:</u> Competence of Board of Directors	<u>Article 8:</u> Compétences du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 9:</u> Inshingano z’Inama y’Ubuyobozi	<u>Article 9:</u> Responsibilities of the Board of Directors	<u>Article 9:</u> Attributions du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 10:</u> Itumizwa n’iterana ry’inama y’ubuyobozi n’ifatwa ry’ibyemezo	<u>Article 10:</u> Meeting of the Board of Directors and the modalities for taking decisions	<u>Article 10:</u> Réunions du Conseil d’Administration et les modalités de prise de décisions
<u>Ingingo ya 11:</u> Itumira mu nama y’Ubuyobozi umuntu ushobora kuyungura inama	<u>Article 11:</u> Invitation of a resourceful person in the meetings of the Board of Directors	<u>Article 11:</u> Invitation d’une personne ressource aux réunions du conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 12:</u> Iyemezwa ry’ibyemezo by’inama z’Inama y’Ubuyobozi n’inandikomvugo yayo	<u>Article 12:</u> Approval of resolutions and minutes of the Board of Director	<u>Article 12:</u> Approbation des résolutions et procès-verbaux des réunions du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 13 :</u> Umwanditsi w’inama	<u>Article 13:</u> Rapporteur of the Board of Directors	<u>Article 13:</u> Rapporteur du Conseil d’Administration
<u>Ingingo ya 14:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa	<u>Article 14:</u> Personal interest in issues on the agenda	<u>Article 14:</u> Intérêt personnel dans les points à l’ordre du jour
<u>Ingingo ya 15:</u> Ingingo y’imari na gahunda y’ibikorwa	<u>Article 15:</u> Budget and action plan	<u>Article 15:</u> Budget et plan d’action

Section 2: Ubuyobozi bukuru

Ingingo ya 16: Abagize Ubuyobozi Bukuru

Ingingo ya 17: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru

Ingingo ya 18: Inshingano z'Abayobozi Bakuru bungirije

Ingingo ya 19: Inshingano z'Abayobozi b'Amashami

Ingingo ya 20: Akanama k'Imicungire

Icyiciro cya 3: Amategeko ngengamikorere

Ingingo ya 21: Amategeko ngengamikorere

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 22: Abashinzwe kubahiriza iri Teka

Ingingo ya 23: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo ya 24: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Section 2: General Directorate

Article 16: Composition of the General Directorate

Article 17: Responsibilities of the Director General

Article 18: Responsibilities of Deputy Director Generals

Article 19: Responsibilities of Head of Divisions

Article 20: Management Committee

Section 3: Internal rules and regulations

Article 21: Internal rules and regulations

CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

Article 22: Responsible authorities for the implementation of this Order

Article 23: Repealing provision

Article 24: Commencement

Section 2: Direction générale

Article 16: Composition de la Direction Générale

Article 17: Attributions du Directeur Général

Article 18: Attributions des Directeur Généraux adjoints

Article 19: Attributions des Chefs de Divisions

Article 20: Comité de gestion

Section 3 : Règlement d'ordre intérieur

Article 21: Règlement d'ordre intérieur

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

Article 22: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Article 23: Dispositions abrogatoire

Article 24: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 225/03 RYO KUWA 23/12/2013 RIGENA URWEGO RUREBERERA IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE IYOHEREZWA MU MAHANGA RY'IBIKOMOKA KU BUHINZI N'UBWOROZI (NAEB) N'ICYICIRO KIRIMO, RIKANAGENA IMITERERE, IMIKORERE N'INSHINGANO BY'INZEGO ZACYO

PRIME MINISTER'S ORDER N° 225/03 OF 23/12/2013 DETERMINING THE SUPERVISING AUTHORITY AND CATEGORY OF NATIONAL AGRICULTURAL EXPORT DEVELOPMENT BOARD (NAEB) AND ORGANISATION, FUNCTIONING AND RESPONSIBILITIES OF ITS ORGANS

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°225/03 DU 23/12/2013 DETERMINANT L'ORGANE DE TUTELLE ET LA CATEGORIE DE L'OFFICE NATIONAL DE DEVELOPPEMENT DES EXPORTATIONS AGRICOLES (NAEB) AINSI QUE L'ORGANISATION, LE FONCTIONNEMENT ET LES ATTRIBUTIONS DE SES ORGANES

Minisitiri w'Intebe;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 118, iya 119, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibigo bya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujwwe kugeza ubu;

Ashingiye ku Itegeko n° 39/2010 ryo kuwa 25/11/2010 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza Imbere Iyoherezwa mu Mahanga ry'Ibikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi (NAEB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 4, iya 6, iya 9 n'iya 11;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi;

The Prime Minister;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 118, 119, 120, 121 and 201;

Pursuant to the Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing public institutions as modified and complemented to date;

Pursuant to the Law n° 39/2010 of 25/11/2010 establishing National Agricultural Export Development Board (NAEB) and determining its responsibilities, organisation and Functioning, especially in Articles 4, 6, 9 and 11;

On proposal by the Minister of Agriculture and Animal Resources;

Le Premier Ministre ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 119, 120, 121 et 201;

Vu la Loi Organique n° 06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux établissements publics telle que modifiée et complétée à ce jour;

Vu la Loi n° 39/2010 du 25/11/2010 portant création de l'Office National de Développement des Exportations Agricoles (NAEB) et déterminant ses responsabilités, attributions et son fonctionnement, spécialement en ses articles 4, 6, 9 et 11;

Sur proposition du Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales;

Official Gazette n° 01 of 06/01/2014

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 11/09/2013 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 11/09/2013;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 11/09/2013;

ATEGETSE:

ORDERS:

ARRETE :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka rigena Urwego rureberera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza imbere Iyoherezwa mu Mahanga ry'Ibikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi (NAEB) n'icyiciro kirimo, rikanagena imiterere, imikorere n'inshingano by'inzezo zacyo.

This Order determines the Supervising Authority and category of National Agricultural Export Development Board (NAEB) and organisation, functioning and responsibilities of its organs.

Le présent arrêté détermine l'organe de tutelle et la catégorie de l'Office National de Développement des Exportations Agricoles (NAEB) ainsi que l'organisation, le fonctionnement et les attributions de ses organes.

UMUTWE WA II: URWEGO RUREBERERA NAEB N'ICYICIRO IRIMO

CHAPTER II: SUPERVISING AUTHORITY OF NAEB AND ITS CATEGORY

CHAPITRE II: ORGANE DE TUTELLE DE NAEB ET SA CATEGORIE

Ingingo ya 2: Urwego rureberera NAEB

Article 2: Authority Supervising NAEB

Article 2: Organe de tutelle de NAEB

NAEB irebererwa na Minisiteri ifite ubuhinzi n'ubworozi mu nshingano zayo.

NAEB is supervised by the Ministry of Agriculture and Animal Resources.

NAEB est placé sous tutelle du Ministère de l'Agriculture et des Ressources Animales.

Ingingo ya 3: Icyiciro NAEB irimo

Article 3: Category of NAEB

Article 3: Catégorie de NAEB

NAEB iri mu cyiciro cy'Ibigo bya Leta bishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi.

NAEB is classified in the category of public institutions in charge of export development of agricultural and livestock products.

NAEB est dans la catégorie des institutions publiques chargées de la mise en valeur du développement des exportations agricoles.

**UMUTWE WA III: IMITERERE, IMIKORERE
N'INSHINGANO BY'INZEGO ZA NAEB**

**CHAPTER III: ORGANISATION,
FUNCTIONING AND RESPONSIBILITIES
OF NAEB'S ORGANS**

**CHAPITRE III: ORGANISATION,
FONCTIONNEMENT ET
ATTRIBUTIONS DES ORGANES DE
NAEB**

Ingingo ya 4: Inzego z'Ubuyobozi za NAEB

NAEB ifite inzego z'ubuyobozi zikurikira:

- 1° Inama y'Ubuyobozi ;
- 2° Ubuyobozi Bukuru.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 5: Imiterere y'Inama y'Ubuyobozi

Inama y'Ubuyobozi ya NAEB igizwe n'abantu barindwi (7) harimo Perezida na Visi Perezida b'inararibonye mu guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi.

Nibura mironko itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

Ingingo ya 6: Igihe abagize Inama y'Ubuyobozi bamara ku mirimo yabo

Abagize Inama y'Ubuyobozi ya NAEB bafite manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

Article 4: Management Organs of NAEB

NAEB is made up of the following management organs:

- 1° Board of Directors;
- 2° General Directorate.

Section One: Board of Directors

Article 5: Composition of the Board of Directors

The Board of Directors of NAEB is comprised of seven (7) members including the president and the Vice-president who are experts in agricultural development.

At least thirty per cent (30%) of the members of the Board of Directors shall be females.

Article 6: Term of office of members of the Board of Directors

The term of office of the members of the Board of Directors of NAEB is three (3) years which may be renewable only once.

Article 4 : Organes de gestion de NAEB

Le NAEB comprend les organes de gestion suivants:

- 1° Le Conseil d'administration;
- 2° La Direction Générale.

Section première: Conseil d'Administration

Article 5: Composition du Conseil d'administration

Le Conseil d'Administration de NAEB est composé de sept (7) membres dont un Président et un Vice-président, connus pour leur expertise en matière de développement agricole et d'élevage.

Au moins trente pourcent (30%) de membres du Conseil d'Administration sont de sexe féminin.

Article 6: Mandat des membres du Conseil d'Administration

Le mandat des membres du Conseil d'Administration de NAEB est de trois (3) ans renouvelable une seule fois.

Ingingo ya 7: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa

Ugize inama y'Ubuyobozi ava kuri uwo mwanya iyo :

- 1° manda irangiye;
- 2° yeguye akoresheje inyandiko;
- 3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta ;
- 4° akatiwe burundu igihano kingana cyangwa kirengeje amazi atandatu (6) nta subikagihano ;
- 5° asibye inama ishuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro ;
- 6° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze ;
- 7° abangamira inyugu za NAEB ;
- 8° yireze akemera icyaha cya jenocide;
- 9° agaragayeho ibimenyetso by'ingengabitekerezo ya jenocide ;
- 10° apfuye.

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi avuye mu

Article 7: Reasons for loss of membership to the Board of Directors and replacement

A member of the Board of Directors shall lose membership if:

- 1° the term of office expires;
- 2° he/she resigns in writing;
- 3° he/she is no longer able to perform his/her duties due to the physical or mental disability certified by an authorized medical doctor;
- 4° he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months without suspension of the sentence;
- 5° he/she is absent in meetings for three (3) consecutive times without valid reasons;
- 6° he/she manifests behaviors contrary to his/her responsibilities;
- 7° he/she jeopardizes the interests of NAEB;
- 8° he/she confesses and pleads guilty to the crime of genocide;
- 9° he/she is proven to be propelled by the genocidal ideology;
- 10° he/she dies.

In case a member of the Board of Directors leaves

Article 7: Causes de perte de qualité de membre au Conseil d'Administration et modalités de remplacement

Un membre du Conseil d'Administration cesse d'être membre si:

- 1° son mandat expire ;
- 2° il démissionne par écrit ;
- 3° il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause d'incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé;
- 4° il est définitivement condamné a une peine d'emprisonnement égale ou supérieure a six (6) mois sans sursis ;
- 5° il s'absente dans les réunions plus de trois (3) fois consécutives sans raisons valables ;
- 6° il manifeste des comportements contraires à ses fonctions ;
- 7° il compromet les intérêts de NAEB ;
- 8° il avoue et plaide coupable pour le crime de génocide ;
- 9° il est prouvé qu'il est animé de l'idéologie de génocide;
- 10° il décède.

Lorsqu'un membre du Conseil

Official Gazette n° 01 of 06/01/2014

mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, Umuyobozi ubifitiye ububasha ashiraho umusimbura akarangiza iyo manda.

Ingingo ya 8: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi.

Inama y'Ubuyobozi ya NAEB ni rwo rwego ruyiyobora kandi rufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye n'inshingano byo gucunga umutungo wa NAEB kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo.

Ingingo ya 9: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi

Inama y'Ubuyobozi ya NAEB ifite inshigano zikurikira :

- 1° gushyiraho icyerekezo cy'ibikorwa nagahunda y'imikorere bya NAEB;
- 2° kwemeza amategeko ngengamikorere ya NAEB;
- 3° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya mwaka, mbere yo kuwushyikiriza inzego zibibifitiye ububasha;
- 4° gusuzuma imikorere ya NAEB hakurikijwe gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari ;
- 5° kwemeza raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'umutungo z'umwaka urangiye;

his/her duties before the expiration of his/her term of office, the competent authority shall appoint his/her substitute to complete his/her term of office.

Article 8: Competence of Board of Directors

The Board of Directors of NAEB is the governing and decision making organ. It is entrusted with full powers and responsibilities to manage the property of NAEB in order to fulfil its mission.

Article 9: Responsibilities of the Board of Directors

The Board of Directors of NAEB has the following responsibilities:

- 1° to determine the strategic vision and the action plan of NAEB;
- 2° to approve the Internal rules and regulations of NAEB ;
- 3° to approve the annual draft budget proposal before it is transmitted to competent organs.
- 4° to asses the performance of NAEB in accordance with the action plan and budget;
- 5° to follow up the activity and the financial reports for the previous exercise ;

d'Administration perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer son mandat.

Article 8: Compétences du Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration de NAEB est l'organe de gestion et de décision. Il est investi des pouvoirs étendus et de la mission d'assurer la gestion du patrimoine de NAEB en vue de réaliser sa mission.

Article 9: Attributions du Conseil d'Administration

Les attributions du Conseil d'Administration de NAEB sont les suivantes:

- 1° déterminer la vision stratégique et le plan d'action de NAEB;
- 2° adopter le règlement d'ordre intérieur de NAEB ;
- 3° approuver l'avant-projet de budget annuel avant de le soumettre aux organes compétents;
- 4° évaluer les performances de NAEB sur base du plan d'action et du budget;
- 5° approuver le rapport d'activités et le rapport d'utilisation du patrimoine pour l'exercice précédent;

Official Gazette n° 01 of 06/01/2014

6° gukurikirana imikorere y'Ubuyobozi Bukuru bwa NAEB n'iy' abakozi bayo ;

7° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa by'Ubuyobozi Bukuru bwa NAEB n'abakozi bayo.

Ingingo ya 10: Itumizwa n'iterana ry'inama y'ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo

Inama y'Ubuyobozi ya NAEB iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo, cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane.

Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itanu (5) kugira ngo iterane

Mu byigwa n'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka, harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa mu mwaka urangiye.

Buri gihembwe kandi, Inama y'Ubuyobozi igomba

6° to monitor the performance of the General Directorate of NAEB and its staff;

7° to follow up the implementation of performance contract of General Directorate of NAEB and its staff.

Article 10: Meeting of the Board of Directors and the modalities for taking decisions

Meeting of the Board of Directors of NAEB is held once in every quarter and at any time it is considered necessary upon invitation by its President, Vice-President in case of absence of its Chairperson, at his/her own initiative, or upon request in writing by at least a third (1/3) of its members.

The invitation is submitted in writing to the members of NAEB at least fifteen (15) days before the meeting convenes.

However, an extraordinary meeting is convened in writing at least five (5) days before the meeting is held.

Items to be examined by the meeting of the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports of the previous year.

In every quarter, the Board of Directors examines

6° assuerer le suivi de la performance de la Direction Générale de NAEB et de son personnel ;

7° faire le suivi de la mise en application du contrat de performance de la Direction Générale de NAEB et de son personnel.

Article 10: Réunions du Conseil d'Administration et les modalités de prise de décisions

La réunion du Conseil d'Administration du NAEB se tient une fois par trimestre et à chaque fois que de besoin, sur convocation de son président, ou de son Vice-Président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative, ou sur demande écrite par un tiers (1/3) au moins de ses membres.

L'invitation est adressée par écrit au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.

Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins cinq (5) jours avant la tenue de la réunion.

Sur les points à examiner par le Conseil d'Administration au cours du premier trimestre, figure notamment l'approbation du rapport financier et d'activités de l'année précédente.

Chaque trimestre, le Conseil

Official Gazette n° 01 of 06/01/2014

gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igashyikirizwa Minisitiri ureberera NAEB.

the financial and activity reports relating to the previous quater to be transmitted to the Minister supervising NAEB.

d'Administration examine également les rapport financier et celui d'activités relatifs au trimestre précédent et les transmet au Ministre de tutelle du NAEB.

Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu (2/3). icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari.

Required attendance for a meeting to take place is two thirds (2/3). However, when a meeting is convened for the second time it takes place regardless of attendance level.

Le quorum de la réunion du Conseil d'Administration est de deux tiers (2/3) de ses membres. Cependant, quand la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient sans considération du nombre de présences.

Umuyobozi Mukuru, Abayobozi Bakuru Bungirije, n'Umuyobozi ushinzwe Imirimo rusange bitabira inama z'Inama z'Ubuyobozi.

The Director General, The Deputy Directors General and the Head of Corporate Services Division participate in Board's meeting,

Le Directeur Général, les Directeurs Généraux Adjoint et le Chef des Services Généraux participent dans les réunions du Conseil d'Administration.

Uburyo Inama y'Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya NAEB.

Modalities for decisions making by the Board of Directors are determined by the internal rules and regulations of NAEB.

Le mode de prise de décisions par le Conseil d'Administration est déterminé par le règlement d'ordre intérieur de NAEB.

Ingingo ya 11: Itumira mu nama y'Ubuyobozi umuntu ushobora kuyungura inama

Article 11: Invitation of a resourceful person in the meetings of the Board of Directors

Article 11: Invitation d'une personne ressource aux réunions du conseil d'Administration

Inama y'Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibygwa.

The Board of Directors may invite in its meeting any person from whom it may seek advice on a certain issue on the agenda.

Le Conseil d'Administration peut inviter à ses réunions toute personne dont il peut obtenir des conseils sur une certaine question à l'ordre du jour.

Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa.

The invitee is not allowed to vote and to follow debates on other items on the agenda.

La personne invitée n'a pas droit de vote et de suivre les débats sur d'autres questions inscrites à l'ordre du jour.

Ingingo ya 12: Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama z'Inama y'Ubuyobozi n'inyangikomvugo yayo

Imyanzuro y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishikirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikoherezwa Minisitiri ureberera NAEB mu gihe kitarenze iminsi itanu (5).

Minisitiri atangaho ibitekerezo ku myanzuro y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo ayivugaho imyanzuro y'inama iba hemejwe burundu.

Inyangikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishikirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyangikomvugo yoherezwa Minisitiri ureberera NAEB mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.

Ingingo ya 13 : Umwanditsi w'inama

Umuyobozi Mukuru wa NAEB ni we mwanditsi w'Inama y'Ubuyobozi, ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora. Ashobora kwifashisha umwe mu bakozzi ba NAEB akamufasha kwandika ibivugirwa mu nama.

Article 12: Approval of resolutions and minutes of the Board of Director

Resolutions of the meeting of the Board of Directors are signed by its members immediately after its completion, and a copy shall be sent to the Minister supervising NAEB in a period not exceeding five (5) days.

The Minister shall give his/ her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors in a period not exceeding fifteen (15) days from its reception. If this period expires before he/she gives his/her views, the resolutions of the meeting are presumed definitively approved.

The minute of the meeting of the Board of Directors is signed by the President and the Rapporteur and is approved during the next meeting. The copy of minutes of the meeting is sent to the Minister supervising NAEB in a period not exceeding fifteen (15) days from the day of its approval.

Article 13: Rapporteur of the Board of Directors

The Director General of NAEB is the Board's rapporteur and has no right to vote in decision making. He/She may use any member of NAEB Staff to write the report in the meeting.

Article 12: Approbation des résolutions et procès-verbaux des réunions du Conseil d'Administration

Les résolutions du Conseil d'Administration sont immédiatement signées par les membres présents après la séance et transmises au Ministre de tutelle de NAEB dans une période n'excédant pas cinq (5) jours.

Le Ministre donne son point de vue sur les résolutions du Conseil d'Administration dans une période n'excédant pas quinze (15) jours à partir de leur réception. Passé ce délai sans réaction du Ministre, ces résolutions sont réputées définitives.

Le procès-verbal de la réunion les résolutions du Conseil d'Administration est signé conjointement par le Président et son rapporteur et soumis à la session suivante pour approbation. Une copie du procès-verbal est transmise au Ministre de tutelle de NAEB dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours à partir de la date de son approbation.

Article 13: Rapporteur du Conseil d'Administration

Le Directeur Général de NAEB est le rapporteur du Conseil d'Administration, mais n'a pas le droit de voter lors de la prise des décisions. Il peut se faire assister par un member du personnel de NAEB pour prendre

Umuyobozi Mukuru n'Abayobozi Bakuru Bungirije ba NAEB ntibajya mu nama zifata ibyemezo ku bibazo bibareba.

Ingingo ya 14: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa

Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, agomba kumenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho inyungu ze zishingiye. Umenyesha inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntashobora gutora mu gihe bafata ibyemezo kuri icyo kibazo.

Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa cyangwa, ku buryo bidashoboka gufata ibyemezo kuri icyo kibazo, ibyo bibazo bishyikirizwa Minisiteri ireberera NAEB.

Ingingo ya 15: Ingingo y'imari na gahunda y'ibikorwa

Kuri buri mwaka w'ingingo y'imari, Inama y'Ubuyobozi igeza kuri Minisiteri ireberera NAEB gahunda y'ibikorwa n'imbanziriza mushinga w'ingingo y'imari na raporo y'ibikorwa by'umwaka ubanziriza uwo.

The Director General and Deputy Director Generals of NAEB do not participate in the meetings that take decisions on issues that concern them.

Article 14: Personal interest in issues on the agenda

When a Board member has got a direct or indirect interest in the issue to be examined or issue, he/she must, immediately inform the Board about where his/her interest lies. The member informing of interests in the issue to be examined cannot vote when deliberating decisions to take on that issue.

When it happens that many or all Board's members have direct or indirect interest in the issue to be examined in such a way that it is impossible to take decision on the issue, the issue will be submitted to the NAEB's supervising Ministry.

Article 15: Budget and action plan

For every budgetary year, the Board of Directors submits to the ministry supervising NAEB its draft budget and action plan of the year and the activity report for the previous year.

le rapport de la réunion du Conseil d'Administration.

Le Directeur General et les Directeurs Généraux Adjoint de NAEB ne participent pas aux réunions qui prennent des décisions qui les concernent.

Article 14: Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour

Quand un membre du Conseil a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner, il en informe immédiatement le Conseil et montre où ses intérêts reposent. Le membre qui informe de son intérêt dans un point à examiner ne peut pas voter lors de la prise de décision à ce sujet.

Lorsqu'il survient que beaucoup ou tous les membres du Conseil ont un intérêt direct ou indirect dans un point inscrit à examiner de sorte que la prise de décision sur ce point devienne impossible, ce point est soumis au Ministère de tutelle de NAEB.

Article 15: Budget et plan d'action

Pour chaque année budgétaire, le Conseil d'Administration soumet au Ministère de tutelle de NAEB l'avant-projet du budget et le plan d'activités de cette année et le rapport d'activités de l'année écoulée.

Section 2: Ubuyobozi bukuru

Ingingo ya 16: Abagize Ubuyobozi Bukuru

Ubuyobozi Bukuru bwa NAEB bugizwe n'aba bakurikira:

- 1° Umuyobozi Mukuru;
- 2° Abayobozi Bakuru bungirije;
- 3° Abayobozi b'Amashami.

Ingingo ya 17: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru

Imicungire ya buri muni ya NAEB ishinze Umuyobozi Mukuru wayo. Umuyobozi Mukuru ni we uhuza akanayobora ibikorwa bya buri muni bya NAEB kandi akabazwa n'Inama y'Ubuyobozi uko ibyemezo byayo bishyirwa mu bikorwa.

By'umwihariko Umuyobozi Mukuru ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° gutegura gahunda y'ibikorwa by'igihe kirekire, n'ingamba bya NAEB bigomba kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB, kuzihuzwa no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa byazo;
- 2° guteza imbere no kurengera inyungu za NAEB hashimangirwa isura rusange yayo;

Section 2: General Directorate

Article 16: Composition of the General Directorate

The General Directorate of NAEB is comprised of the following:

- 1° The Director General;
- 2° The Deputy Director Generals;
- 3° Heads of Division.

Article 17: Responsibilities of the Director General

The daily management of NAEB is entrusted with its Director General. The Director General coordinates and directs the daily activities of NAEB and is answerable to the Board of Directors of the implementation of its decisions.

The Director General is specifically responsible for:

- 1° developing strategic plans and policies of NAEB which must be approved by the Board of Directors, coordinating and overseeing their implementation;
- 2° promoting and protecting NAEB interests while its corporate brand;

Section 2: Direction générale

Article 16: Composition de la Direction Générale

La Direction Générale de NAEB est composée de :

- 1° Directeur Général;
- 2° Directeurs Généraux Adjointes;
- 3° Chefs de Division.

Article 17: Attributions du Directeur Général

La gestion journalière de NAEB est confiée à son Directeur General. Le Directeur Général est chargé de coordonner et de diriger les activités quotidiennes de NAEB et est responsable de l'exécution des décisions du Conseil d'Administration.

Le Directeur Général est particulièrement chargé de:

- 1° développer des plans stratégiques et des politiques de NAEB devant être approuvés par le Conseil d'Administration, coordonner et superviser leur mise en œuvre;
- 2° promouvoir et protéger les intérêts de NAEB tout en conservant son image de marque ;

Official Gazette n° 01 of 06/01/2014

3° gukurikirana itegurwa, iyamamaza, guteza imbere no gutanga za gahunda, ibikorwa na serivisi bifite ireme;

4° gutegura imbanzirizamushinga w'ingengo y'imari y'umwaka akayishyikiriza Inama y'Ubuyobozi kugira ngo iwemeze mbere y'uko ishikirizwa inzego zibifitiye ububasha;

5° Kwemwza no kugenzura imicungire n'imikoreshereze inoze y'ingengo y'imari, iy'umutungo, n'imicungire y'abakozi ba NAEB;

6° gutegura no gukurikirana ingamba zose zigamije gushaka umutungo, igenamigambi n'ishyirwa mu bikorwa by'izo ngamba, harimo no kwerekana umutungo ukenewe, gushaka aho uwo mutungo uzaturuka, gushyiraho ingamba z'uko abafatanyabikorwa bakwegerwa, gutegura no gutanga imishinga, no gucunga inyandiko zose zijyanye n'ikusanywa ry'umutungo;

7° gucunga neza abakozi ba NAEB hashingiwe kuri gahunda zemewe z'imicungire y'abakozi hubahirizwa amategeko n'amabwiriza ariho;

8° gushyira mu bikorwa politiki na porogaramu zo guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi;

3° overseeing design, marketing, promotion, delivery and quality of programs, products and services;

4° preparing a draft of yearly budget for Board of directors approval before its submission to competent organs;

5° approving and overseeing efficient and effective management and utilization of finances, infrastructure and human resources of NAEB ;

6° preparing and overseeing mobilization strategies of resources, planning and implementation of its strategies, including identifying resource requirements, researching funding sources, establishing strategies to attract partners and managing all documentation relating to resources mobilisation;

7° effectively managing the staff of NAEB according to human resources management policies approved with accordance to existing laws and regulations;

8° implementing national policy and programmes of agricultural export developmental;

3° superviser la conception, le marketing, la promotion, la fourniture des programmes, des produits et des services de quelité;

4° préparer l'avant-projet de budget annuel pour approbation par le Conseil d'Administration avant transmission aux organes compétents;

5° approuver et superviser la gestion efficiente et efficace et l'utilisation des finances, des infrastructures et des ressources humaines de NAEB;

6° préparer et superviser les stratégies de mobilisation des ressources, la planification et la mise en œuvre de ses stratégies notamment l'identification des besoins en ressources, la recherche des sources de financement, établir des stratégies susceptibles d'attirer les partenaires et la gestion de tous les dossiers relatifs à la mobilisation des ressources;

7° gérer efficacement les ressources humaines de NAEB selon les politiques de gestion du personnel approuvées conformément aux lois et règlements en vigueur;

8° exécuter la politique et les programmes nationaux de développement des exportations agricoles;

Official Gazette n° 01 of 06/01/2014

9° kuba umuhuza hagati y’Inama y’Ubuyobozi, Minisiteri ireberera NAEB n’izindi nzego zo mu gihugu n’inzego mpuzamahanga zihuje intego na NAEB;

10° kumenyesha mu nyandiko Inama y’Ubuyobozi imigendekere n’ibikorwa bya NAEB, nibura rimwe mu gihembwe.

11° guhagararira NAEB imbere y’amategeko.

9° serving as link between the NAEB Board of Directors, supervising Ministry and national or international institutions with the same objectives;

10° informing in writing, the Board of Directors the progress and the activities of NAEB at least once a term;

11° to represent NAEB before the law.

9° assurer la liaison entre le Conseil d’Administration, le Ministère de tutelle de NAEB et d’autres institutions nationales et internationales qui poursuivent les mêmes objectifs que NAEB ;

10° informer par écrit le Conseil d’Administration de l’état d’avancement des activités de NAEB au moins une fois par trimestre;

11° représenter NAEB devant la loi.

Ingingo ya 18: Inshingano z’Abayobozi Bakuru bungirije

Inshingano z’Abayobozi Bakuru Bungirije ni izi zikurikira :

1° umujyanama w’Umuyobozi Mukuru akanamusibura;

2° gutegura, guhuza, gushyira mu bikorwa no gutanga raporo kuri gahunda z’iby ashinzwe;

3° kuba umuhuza hagati y’umuyobozi mukuru n’abakozi bari muri serivisi ayobora;

4° gusuzuma raporo z’ibikorwa hagamijwe kumenya uburyo amashami ari mu nshingano ze agera ku ntego;

Article 18: Responsibilities of Deputy Director Generals

Responsibilities of Deputy Director Generals are the following:

1° to advise and deputise the Director General;

2° to design, plan, coordinate, implement, and report on programmes under his/her jurisdiction;

3° to serve as link between the Director General and staff under his/her department;

4° to review activity reports to determine the progress and status of the divisions related to his/her responsibilities in attaining the objectives;

Article 18: Attributions des Directeur Généraux adjoints

Les attributions des Directeur Généraux adjoints sont les suivantes:

1° conseiller et remplacer le Directeur Général;

2° concevoir, préparer, planifier, coordonner, mettre en application et faire le rapport sur les programmes sous sa responsabilité ;

3° assurer de liaison entre le Directeur Général et les membres du personnel sous son département ;

4° examiner les rapports d’activité pour déterminer les progrès et l’état des divisions relatives à ses attributions dans la réalisation des objectifs;

Official Gazette n° 01 of 06/01/2014

5° gusuzuma imikorere y'Abayobozi b'Amashami hakurikije amabwiriza n'intego za NAEB.

5° to evaluate the performance of Heads of Divisions, in conformity with the established policies and objectives of NAEB.

5° évaluer les performances des Chefs de divisions, en conformité avec les politiques et les objectifs de NAEB.

Ingingo ya 19: Inshingano z'Abayobozi b'Amashami

Article 19: Responsibilities of Head of Divisions

Article 19: Attributions des Chefs de Divisions

Umuyobozi w'Ishami afite inshingano zikurikira :

The Head of Division has the following responsibilities:

Le Chef de Division a les attributions suivantes:

1° gucunga no gushyira mu bikorwa ibikorwa byose by'Ishami;

1° to manage and ensure the effective implementation of all activities of the Division;

1° gérer et assurer la mise en œuvre effective de toutes les activités de la Division ;

2° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa by'ishami;

2° to supervise the implementation of the planned activities of the division;

2° superviser la mise en œuvre des activités de la division;

3° gushyiraho ingamba zo gushyira mu bikorwa ibikorwa byo mu ishami no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa byazo;

3° to establish the strategic and operational plan to ensure the smooth running of the division and supervise their implementation;

3° mettre en place des plans stratégiques et opérationnels pour assurer le bon fonctionnement de la division et superviser leur mise en œuvre;

4° gukora isuzumamikorere ry'abakozi bo mu Ishami;

4° to evaluate the personnel of the division;

4° faire l'évaluation des activités du personnel de la Division;

5° gushyiraho ingamba zituma Ishami rigira imikorere myiza.

5° to make recommendations for the improvement of the activities of the Division.

5° faire des recommandations pour l'amélioration des activités de la Division.

Ingingo ya 20: Akanama k'Imicungire

Article 20: Management Committee

Article 20: Comité de gestion

NAEB igira Akanama k'Imicungire gashinzwe by'umwihariko ibi bikurikira:

NAEB has a Management Committee which is specifically responsible for:

NAEB dispose d'un Comité de Gestion chargé spécialement de:

1° gutanga amabwiriza y'akazi ka NAEB;

1° ensuing NAEB working instructions;

1° donner des instructions de service de NAEB;

2° gukurikirana imikorere y'ingengo y'imari

2° ensuring the implementation of budget

2° assurer le suivi de l'exécution du

n'amicungire y'umutungo wa NAEB;

3° kumenyesha rimwe mu gihembwe, mu nyandiko Inama y'Ubuyobozi aho ibikorwa bya NAEB bigeze bishyirwa mu bikorwa.

Abagize Akanama k'Imicungire bashyirwaho n'amategeko ngengamikorere ya NAEB.

Umuhoze w'Imicungire

Ingingo ya 21: Amategeko ngengamikorere

Ibindi bijyanye n'imikorere y'inzego za NAEB bidateganyijwe n'iri teka biteganywa n'amategeko ngengamikorere ya RAB.

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 22: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'imari n'igenamigambi basabwe kubahiriza iri teka.

and management of NAEB property;

3° informing once a term, in writing the Board of Directors of the progress in the implementation of NAEB activities.

The members of the management committee are determined by internal rules and regulations of NAEB.

Section 3: Internal rules and regulations

Article 21: Internal rules and regulations

Internal rules and regulations determine other issues related to the organisation and functioning of NAEB's organs not provided for by this Order.

CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

Article 22: Responsible authorities for the implementation of this Order

The Minister of Agriculture and Animal Resources, the Minister of Public Service and Labour, and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this order.

budget et la gestion du patrimoine de NAEB;

3° informer par écrit une fois par trimestre, le Conseil d'Administration de l'état d'avancement des activités de NAEB.

Les membres du comité de gestion sont déterminés par le règlement d'ordre intérieur NAEB.

Section 3 : Règlement d'ordre intérieur

Article 21: Règlement d'ordre intérieur

Le règlement d'ordre intérieur détermine d'autres dispositions relatives à l'organisation et fonctionnement des organes de NAEB non prévues par ce présent arrêté.

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

Article 22: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 23: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 24: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 23/12/2013

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)

Dr M. KALIBATA Agnès
Minisitiri w'ubuhinzi n'Ubworozi

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 23: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 24: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 23/12/2013

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)

Dr M. KALIBATA Agnes
Minister of Agriculture and Animal Resources

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 23: Dispositions abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 24: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 23/12/2013

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

(sé)

Dr M.KALIBATA Agnes
Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux